# GICUMBI IRENGERA IBIDUKIKIJE



## Twubake ubudahangarwa ku mihindagurikire y'ibihe

Government of Rwanda

FONERWA
For a Green & Resilient Rwanda

GREEN CLIMATE FUND



UYU MUSHINGA W'AKATARABONEKA UZAMARA IMYAKA ITANDATU

# ni umwe mu mishinga minini cyane

YO GUTEZA IMBERE UBUKUNGU BUTANGIZA IBIDUKIKIJE MU RWANDA

# Green Gicumbi

Leta y'u Rwanda yabonye binyuze muri Minisiteri y'ibidukikije, inkunga ingana na miliyoni mirongo itatu n'ebyiri n'ibihumbi magana inani by'amadorari y'amanyamerika (US $32.8) iturutse mu Kigega Gitera Inkunga imishinga yo guhangana n'Imihindagurikire y'Ibihe (GCF) mu rwego rwo gufasha abatuye mu Karere ka Gicumbi, mu Majyaruguru y'u Rwanda guhangana no kongera ubwihangane ku mihindagurikire y'ibihe yagaragaraga muri ako karere.

Uyu mushinga uzafasha abaturage bagera ku bihumbi ijana na mirongo itanu mu buryo bufatika, unagirire akamaro muri rusange abaturage bagera ku bihumbi magana atatu na mirongo inani batuye mu mirenge itandatu yo mu karere ka Gicumbi ariyo Kaniga, Rubaya, Cyumba, Rushaki, Shangasha na Mukarange.

Ibikorwa by'uyu mushinga bizafatwa nk'ikitegererezo gishobora kugenderwaho n'ahandi mu gihugu mu gufasha guhangana n'imihindagurikire y'ibihe, kugabanya imyuka ya karuboni ($CO_2$) ihumanya ikirere kandi unatange akazi ku baturage benshi. Uyu mushinga kandi ufatwa nk'urufunguzo mu guteza imbere ibyaro mu buryo burambye binyuze mu kuzamura ubukungu no kugabanya ubukene mu baturage. Umushinga kandi ugamije kugeza mu gihugu cyose ubumenyi ku bijyanye n'uburyo bwo gukumira ibitera imihindagurikire y'ibihe ndetse no guhangana n'ingaruka zayo.

Uyu mushinga w'iterambere rishingiye ku bukungu butangiza ibidukikije kandi bwihanganira imihindagurikire y'ibihe ni umwe mu mishanga migari ibayeho mu gihugu, uzashyirwa mu bikorwa n'Ikigega cy'Igihugu cyo Kubungabunga Ibidukikije (FONERWA). Uretse inkunga ingana na miliyoni mirongo itatu n'ebyiri n'ibihumbi magana inani by'amadorari y'amanyamerika ($32.8) yatanzwe n'Ikigega Gitera Inkunga imishinga yo guhangana n'Imihindagurikire y'Ibihe (GCF), FONERWA izatannga inkunga ingana n'ibihumbi ijana na mirongo ine na birindwi by'amadorari ($147,000), Akarere ka Gicumbi gatange agera ku bihumbi ijana na birindwi by'amadorari ($107,000), naho Umuryango Wood Foundation utange agera ku bihumbi ijana na bitandatu by'amadorari ($106,000).

> Iyo tuvuze kubungabunga ibidukikije tuba dutekereza cyane ku hazaza h'abazadukomokaho kuko uko tugenda dutera imbere ni nako turushaho guhura n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe

ANASTASE NTEZIRYAYO
**Umuyobozi w'Akarere ka Gicumbi Wungirije ushinzwe Ubukungu n'Iterambere**



# Ibikorwa bizibandwaho n'umushinga

Ingo ziherereye mu Karere ka Gicumbi zagezweho n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe cyane cyane amapfa n'imvura idasanzwe bigira ingaruka ku musaruro, kwihaza mu biribwa, kwangiza ibikorwa remezo nk'amazi, imihanda n'indi mitungo y'abaturage ndetse no guhitana ubuzima bw'abantu. Izi ngaruka kandi zitizwa umurindi n'isuri, gutema ibiti ndetse no kutagira uburyo bunoze bwo gufata amazi y'imvura. Hazakoreshwa uburyo bukomatanije bwo kubungabunga icyogogo, kuko ahanini abaturage b'Akarere ka Gicumbi babeshejweho n'ibikomoka ku mutungo kamere kandi ubuhinzi bwabo bukaba bushingiye cyane ku bihe by'imvura. Mu guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe muri iki cyogogo, ni ngombwa gukoresha uburyo bukomatanije haba ku rwego rwa buri rugo no ku baturage bose muri rusange. Ni muri urwo rwego uyu mushinga uzibanda ku nzego z'ibikorwa z'ingeri enye.



"Dukeneye guteza imbere no kubungabunga ibidukikije kugira ngo bigire uruhare mu mibereho myiza y'abaturage bacu"

**JACKSON LUTAGIRA**
**Umuyobozi ushinzwe Ibidukikije mu Karere ka Gicumbi**

## Kurinda icyogogo no gukora ubuhinzi bwihanganira imihindagurikire y'ibihe

Uyu mushinga uzafasha kuzahura ibifasha abaturage biva mu bidukikije byo mu Cyogogo cya Muvumba binyuze mu kongerera abaturage ubumenyi bwo kubungabunga amashyamba, gufasha abahinzi gukora ubuhinzi mu buryo burambye kandi buhangana n'imihindagurikire y'ibihe, gutera amashyamba ku nkombe z'imigezi, imihanda ndetse n'ahantu hahanamye. Uyu mushinga uzigisha Koperative z'icyayi za Mulindi guhinga ku buryo burambye kandi bwihanganira imihindagurikire y'ibihe harimo gutera bazirikana imihidagurikire y'ibihe iri imbere. Uzashyikiriza kandi abahinzi b'icyayi n'ikawa serivisi z'ubumenyi bw'ikirere n'iteganyagihe hagamijwe kongera umusaruro wabo no kugabanya ibihombo bagiraga.

## Imicungire y'amashyamba n'ingufu zitangiza ibidukikije

Uyu mushinga uzashora imari mu gutera amashyamba, gusubiranya no kubungabunga amashyamba yangiritse no kongerera abaturage ubushobozi mu by'amashyamba n'ibiyakorerwa. Mu rwego rwo gukumira itemwa ry'amashyamba, uyu mushinga uzafasha mu kongera mu baturage ikoreshwa rya za biyogazi n'amashyiga arondereza ibicanwa ndetse unafashe uruganda rutunganya icyayi rwa Mulindi kugabanya urugero rw'inkwi rukenera binyuze mu ngamba z'imikoreshereze myiza y'ingufu.

> Biragoye gutura ahantu hazahajwe n'ibiza biva ku mihindagurikire y'ibihe. Ariko nshimishijwe cyane n'uyu mushinga kuko uje gukemura ibyo bibazo kandi ukazaduha n'akazi kazadufasha mu kwiteza imbere mu mibereho yacu ya buri munsi.
>
> **CHRISTINE TUMUKUNDE**
> **Umuturage wo mu mudugudu wa Kivuruga, Akarere ka Gicumbi**




## Imiturire yihanganira imihindagurikire y'ibihe

Guteza imbere imiturire yihanganira imihindagurikire y'ibihe biri mu nkingi za mwamba z'uyu mushinga. Ibi bizakorwa hacungwa amazi aturuka mu midugudu atemba ku butaka kugira ngo hagabanywe imikoki iterwa n'aya mazi, imyuzure n'inkangu hanubakwa inzu zituramo imiryango myinshi mu Mirenge ya Kaniga na Kabeza. Ibi bizafasha ingo zituye mu manegeka zishobora kugerwagaho n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe. Uyu mushinga kandi uzafasha mu gufata amazi y'imvura azajya ashobora gukoreshwa mu gihe nta mvura igwa.

## Gutanga ubumenyi ndetse no kwijinza imihindagurikire y'ibihe muri gahunda zitandukanye

Kugera ku ntego k'umushinga kuzapimirwa mu buryo amasomo yakuwe mu ishyirwa mu bikorwa ryawo azakoreshwa n'abandi mu gihugu mu kubaka iterambere ryihanganira imihindagurikire y'ibihe. Hazakorwa ubukangurambaga n'ubuvugizi kugira ngo ibikorwa nk'iby'uyu mushinga bisakazwe mu gihugu hose. Uyu mushinga kandi uzafasha mu kongerera ubumenyi inzego za Leta ndetse n'abaturage mu kubungabunga ibizaba byakozwe bijyanye no kurinda icyogogo, n'imiturire yihanganira imihindagurikire y'ibihe binyuze mu kwinjiza imigenzereze y'ihanganira imihindagurikire y'ibihe n'imikoreshereze myiza y'ingufu muri gahunga zihari zo kubyaza umusaruro amashyamba n'inganda z'ibyayi n'ikawa.



> Twishimiye cyane uyu mushinga kuko aya ni amahirwe tubonye yo kugira uruhare mu kubungabunga ibidukikije aribyo bidufasha mu iterambere ryacu. Tubijeje imikoranire myiza mu ishyirwa mu bikorwa byawo

MARIE ROSE UFITEYEZU
**Umukozi Ushinzwe Icungamari muri Koperative Abizerwa Byumba**

# Imibare ku bijyanye n'uyu mushinga

## Kurinda ibyogogo n'ubuhinzi bwihanganira imihindagurikire y'ibihe

**4,000**
Ibizenga n'ingomero

**6,000**
Imiyoboro yo gusomesha ubutaka

**60k**
Amaziko akoresha gazi yo mu rwego rwa 1 na 2

**10k**
Amaziko akoresha gazi yo mu rwego rwa 3 na 4

**30km**
z'imiyoboro iteweho ibiti, ibihuru n'imigano

**198k**
Toni z'umwuka wa Karuboni zisohorwa n'u ruganda rw'icyayi rwa Mulindi zizakumirwa

## Kwita ku mashyamba n'ingufu ziramba

**1,375km**
Hegitari z'imirwanyasuri

**50ha**
z'ibiti bivangwa n'imyaka

**1,250ha**
Amashyamba asubiranye

**50ha**
z'icyayi gitewe ku butumburuke bwo hejuru

**30ha**
z'ikawa itewe ku butumburuke bwo hejuru

## Inyubako zidahangarwa n'imihindagurikire y'ibihe

**200**
amazu asohora karuboni nkeya azubakirwa imiryango ishobora guhungabanywa n'imihindagurikire y'ikirere

**2,300**
biyogazi zikoreshwa mu ngo

**8**
biyogazi zikoreshwa mu bigo

## Gusangira ubumenyi n'ubukangurambaga

**73,960**
Abaturage n'abakora mu bigo bya leta na sosiyete sivili 780 bazahugurwa ku myubakire no gutera amashyamba ahangana n'imihandagurikire y'ibihe, kwita ku byogogo, n'imiturire itangiza ibidukikije

**40**
koperative z'abafite ubuhumbikiro bw'ibiti n'iz'abavumvu

## Abaterankunga

**USD32.8M**
INKUNGA Y'IKIGEGA GCF

**USD147k**
FONERWA

**USD107k**
AKARERE KA GICUMBI

**USD146k**
WOOD FOUNDATION

# Intego z'umushinga mu ncamake

Ibibaya n'imisozi byo mu cyogogo cya Muvumba bizasubiranywa kandi abahinzi baho bafashwe mu gukora ubuhinzi bwihanganira imihindagurikire y'ibihe.

Abaturage bazafashwa mu gutera, kuvugurura no kubungabunga amashyamba mu buryo burambye kandi bacane bakoreshe uburyo burondereza inkwi kandi butangiza ibidukikije.

Bamwe mu baturage batuye mu manegeka bazubakirwa inzu zihanganira imihindagurikire y'ibihe.

Uburyo bwo kwirinda no guhangana n'imihindagurikire y'ibihe buzatezwa imbere bunasakazwe mu gihugu hose.

Kubungabunga ubutaka n'amashyamba bizanozwa binafashe kugabanya umwuka wa karubone ($CO_2$) wangiza ikirere.

AMAFARANGA YOSE KU MUSHINGA

miliyoni **33.1** z'amadorari

ICYO UMUSHINGA UZAFASHA

Abaturage **15,000**

bazafashwa mu buryo bufatika n'uyu mushinga abandi bawungukiremo

INGARUKA KU MIHINDAGURIKIRE Y'IBIHE

Toni **273,720**

za karuboni ijya mu kirere zizagabanywa cyangwa zirindwe

Toni **864**

z'umwuka wa karuboni wangiza ikirere uzakumirwa


AHO UMUSHINGA UZAKORERA

**6** Imirenge itandatu y'akarere ka Gicumbi ariyo Kaniga, Rubaya, Cyumba, Rushaki, Shangasha, na Mukarange.



> Mfite icyizere ko uyu mushinga uzadufasha mu kuzamura umusaruro kandi ukaduha n'akazi - bikazadufasha kuzamura imibereho yacu.

DINAH TUMUHIMBISE
**Umunyamuryango wa Koperative Twisungane**



> Njya mpangayika cyane ko igihe ibiza bije ntamenya uburyo nabyitwaramo n'umuryango wanjye. Bityo mpawe ubufasha ku buryo nakwirinda cyangwa ngahangana n'ibi biza, byanshimisha cyane bigatuma nimuka aha hantu ndi.

EMMANUEL MUTABAZI
**Umuyobozi w'umudugudu wa Kivuruga, akarere ka Gicumbi**

# Abafatanyabikorwa b'uyu mushinga

## Minisiteri y'ibidukikije

Minisiteri y'Ibidukikije ifite icyerekezo cyo kubungabunga ibidukikije no kubaka igihugu gifite ubukungu bushingiye ku bidukikije nk'inkingi y'iterambere n'imibereho myiza y'abanyarwanda mu buryo burambye. Minisiteri y'ibidukikije ni urwego rw'igihugu rwemewe n'amategeko rwakira inkunga y'Ikigega mpuzamahanga gishinzwe kubungabunga ibidukikije (GCF).

## Ikigega cy'Igihugu cyo kubungabunga ibidukikije (FONERWA)

Ikigega cy'Igihugu cyo kubungabunga ibidukikije (FONERWA) ni ikigega gifatwa nk'inkingi mu guteza imbere ubukungu butangiza ibidukikije mu Rwanda. Iki kigega kikaba gitera inkunga ibigo by'abikorera, ibigo bya leta ndetse n'imiryango idaharanira inyungu bifite imishinga igamije kubungabunga ibidukikije no guhangana n'imihindagurikire y'ibihe kandi ifite uruhare mu kuzana impinduka ndetse ifite aho ihuriye na gahunda za leta zo guteza imbere ubukungu bushingiye ku bidukikije. FONERWA ni yo ifite inshingano zo gushyira mu bikorwa uyu mushinga wa Gicumbi ugamije iterambere ry'icyaro rishingiye ku bukungu butabangamira ibidukikije kandi buhangana n'imihindagurikire y'ibihe

## Ikigega gitera inkunga imishinga yo guhangana n'imihindagurikire y'ibihe (GCF)

Ikigega mpuzamahanga cyo kubungabunga ibidukikije (GCF), gifasha mu guhashya no guhangana n'imihindagurikire y'ibihe gitera inkunga imishinga igabanya ibyuka bihumanya ikirere n'igamije iterambere ridahangarwa n'imihindagurikire y'ikirere. Ikigega GCF cyashyizweho ngo kige gifasha mu gukumira cyangwa hagabanywe ibyuka bibi byoherezwa mu kirere cyo mu bihugu biri mu nzira y'amajyambere, hamwe no gufasha imiryano iri mu kaga ko kugerwaho n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe kumenya uko yitwara.





Wakurikira amakuru ndetse ukanatanga igitekerezo kuri uyu mushinga kuri:

#GreenGicumbi | @EnvironmentRw | @GreenFundRw | @theGCF | #GreenRwanda